No202 Ukuboza 2016

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## ICYICIRO CYA 14 CY'AMAHUGURWA Y'URUBYIRUKO MU BYA POLITIKI KIRI GUTEGURWA

*Kuri uyu wa kabiri tariki ya 20 Ukuboza 2016, ku Biro by'Ihuriro hateraniye inama nyungurabitekerezo yo gutegura ikiciro cya 14 cy'amahugurwa y'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere/YPLA; inama yitabiriwe n'abarimu bigisha muri iyi gahunda.*



*Abarimu ba YPLA mu biganiro*

Atangiza iyi nama, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald, yabwiye aba barimu ko intego y'iyi nama ari ukurebera hamwe no kunoza imyiteguro y'aya mahugurwa no kureba niba ntabyavugururwa cyane cyane harebwa niba nta masomo yakongerwa cyangwa yakurwa muri iyi gahunda, hakanarebwa uko gahunda iteguye niba koko yaba inogeye urubyiruko rukurikira aya masomo.



*Abarimu batanze ibitekerezo by'uko iyi gahunda yavugururwa*

Nyuma yo kungurana ibitekerezo; aba barimu basanze, muri iyi gahunda hakwiyongeramo isomo ku mateka ya politiki mu Rwanda, hakiyongeramo kandi ikiganiro ku muco wo gukunda Igihugu n'ikiganiro ku kwihangira umurimo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa yashimye ibi bitekerezo avuga ko Ibi biganiro byombi byiyongera ku kiganiro kinjijwe muri aya masomo cya "Ndi Umunyarwanda"; ibi bikazagirira umumaro urubyiruko rukurikira aya mahugurwa kuko bazayarangiza bafite koko ubumenyi buhagije mu kubaka Igihugu n'Imitwe ya politiki bakomokamo by'umwihariko.



Hasozwa iyi nama, Ihuriro n'aba barimu biyemeje gukora ibishoboka byose kugira ngo iyi gahunda y'amahugurwa irusheho gukomeza kunogera abayahabwa, binafashe gukomeza kwiyubaka no kugira uruhare mu iterambere rya politiki muri rusange.

Iki cyiciro cya 14 cy'aya mahugurwa giteganyijwe kuzaba muri Gashyantare - Werurwe 2017. Iyi gahunda ihoraho y'amahugurwa igenewe urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, yatangiye mu w'2010; ikorwa mu Mugi wa Kigali ariko nyuma yo kubona akamaro ifitiye urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, Inama Rusange yemeje ko iba gahunda ihoraho kandi ikorerwa mu Gihugu hose ku Rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali. Buri Mutwe wa Politiki ukaba wohereza abasore babiri (2) n'abagore babiri (2) batarengeje imyaka 35, biga cyangwa barangije Amashuri Makuru na Kaminuza, ubu hakaba hamaze kurangiza muri iyi ganunda abagera kuri 988.



*Bamwe mu barimu bo muri iri shuri ryigisha urubyiruko ibya politiki n'imiyoborere/YPLA*

# INAMA RUSANGE YAGEJEJWEHO IKIGANIRO KURI SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS (SDGs)

*Kuri uyu wa kane, tariki ya 22 Ukuboza 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Madamu KANYANGE*




*Madamu KANYANGE Phoebe, n'Umuvugizi w'Ihuriro.,*

Abagize iyi nama bagejejweho n'Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN ikiganiro kuri Sustainable Development Goals (SDGs).



*Dr NDAGIJIMANA Uzziel, Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN ushinzwe Igenamigambi*

Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN ushinzwe Igenamigambi Dr NDAGIJIMANA Uzziel; yavuze ko iki kiganiro cyibanda ku ngingo 17 zikubiye muri SDGs, ingamba z'Igihugu zo kuzishyira mu bikorwa ingingo za SDGs hitawe ku bipimo byemejwe mu iterambere ry'imibereho y'Abanyarwanda n'Uruhare rw'Inzego zitandukanye n'ibisabwa Imitwe ya politiki.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Abagize Inama Rusange



bashimye ko, u Rwanda, nk'Igihugu rwashyize mu bikorwa neza intego z'ikinyagihumbi (MDGs); ibi bikaba byarashingiweho mu gushyiraho ingamba zo gushyira mu bikorwa intego rusange z'Iterambere rirambye (SDGs) n'uruhare rwagize mu kuzitegura.

Inama Rusange isanga hari icyizere ko n'intego za SDGs zizagerwaho nta shiti kubera ubuyobozi bufite icyerekezo, umuco wo gukorera hamwe ndetse n'uwo kwishakamo ibisubizo. Inama Rusange yashimye kandi icyizere u Rwanda rwagiriwe cyo kwakira Icyicaro cya SDGs ku rwego rw'umugabane w'Afurika (SDGs Center for Africa in Rwanda)

Ikindi, Imitwe ya politiki yiyemeje kumenyekanisha ibikubiye muri SDGs ku bayoboke bayo no kugira uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'intego zayo.

**ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YATERANYE KUWA 22/12/2016**

None kuwa kane, tariki ya 22 Ukuboza 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Madamu KANYANGE Phoebe.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

*Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo ku itariki ya 29/09/2016,*

*Kugezwaho ikiganiro kuri Sustainable Development Goals (SDGs) cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN.*

**IMYANZURO Y'INAMA**

Ku ngingo ya mbere yo gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo ku itariki ya 29/09/2016, Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Ku ngingo ya kabiri ijyanye n'ikiganiro kuri SDGs cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri MINECOFIN ushinzwe Igenamigambi Dr NDAGIJIMANA Uzziel; iki kiganiro cyibanze ku ngingo 17 zikubiye muri SDGs, ingamba z'Igihugu zo kuzishyira mu bikorwa ingingo za SDGs hitawe ku bipimo byemejwe mu iterambere ry'imibereho y'Abanyarwanda n'Uruhare rw'Inzego zitandukanye n'ibisabwa Imitwe ya politiki.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Rusange yashimye ko, u Rwanda, nk'Igihugu rwashyize mu bikorwa neza intego z'ikinyagihumbi (MDGs); ibi bikaba byarashingiweho mu gushyiraho ingamba zo gushyira mu bikorwa intego rusange z'Iterambere rirambye (SDGs) n'uruhare rwagize mu kuzitegura.

Inama Rusange isanga hari icyizere ko n'intego za SDGs zizagerwaho nta shiti kubera ubuyobozi bufite icyerekezo, umuco wo gukorera hamwe ndetse n'uwo kwishakamo ibisubizo. Inama Rusange yashimye kandi icyizere u Rwanda rwagiriwe cyo kwakira Icyicaro cya SDGs ku rwego rw'umugabane w'Afurika (*SDGs Center for Africa in Rwanda*)

Ikindi, Imitwe ya politiki yiyemeje kumenyekanisha ibikubiye muri SDGs ku bayoboke bayo no kugira uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'intego zayo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 22 Ukuboza 2016.

**BURASANZWE Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**